REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 19 NZERI 2014.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa **19 Nzeri 2014** yitabirwa n'abajyanama 25 kuri 29 bagombaga kuyitabira.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

- Kurahiza umujyanama rusange w'Umurenge wa Kigoma Bwana BUTERA Denys n'umujyanama uhagarariye urubyiruko Madamu KAYITESI Noëlla.
- Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 20/06/2014 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
- Kwemeza amafaranga azakwa mu bigo by'amashuri yisumbuye ya Leta yo mu Karere ka Huye.
- Kungurana ibitekerezo ku iteka rya Minisitiri n° 008/07.01/04 ryo kuwa 28/05/2014 rigena insimburamubyizi n'amafaranga y'urugendo bigenerwa abajyanama igihe bateranye mu nama hamwe n'itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'Igihugu zegerejwe abaturage.
- Gusuzuma imyanzuro ya Komite Ngenzuzi na Raporo y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari
- Kuzuza inama y'ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere.

- Kugeza ku bajyanama ibijyanye na ‘’Reform’’ y’abakozi b’Akarere n’urwego rwa DASSO mu Karere.
- Kwemeza aho Radio y’abaturage ya Huye izimukira.
- Kwemeza ‘’Expropriation’’zasabwe.
- Ibindi:
    - Kwemeza imyanzuro yavuye mu rugendoshuri rw’abajyanama rwo kuwa 13-15/09/2014
    - Kwemeza itariki y’inama itaha

Mu byemezo by’ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwakira indahiro y’abajyanama bashya Bwana BUTERA Denys na Madamu KAYITESI Noëlla;
ii. Kwemeza inyandikomvugo y’inama isanzwe y’Inama Njyanama y’Akarere ka Huye yateranye kuwa 20 Kamena 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo;
iii. Kwemeza amafaranga azakwa mu bigo by’amashuri yisumbuye ya Leta yo mu Karere ka Huye;
iv. Kwemeza raporo y’ikoreshwa ry’ingengo y’imari y’igihembwe cya mbere 2014-2015 imaze kuyunguranaho ibitekerezo;
v. Kwemeza abagomba kuzuza Inama y’ubuyobozi ya Farumasi y’Akarere;
vi. Kwemeza ‘’ organisational Structure’’ nshya ijyanye na ‘’Reform’’ y’abakozi b’Akarere, isaba ko yatangira gukurikizwa hakurikijwe uko ubushobozi bw’Akarere buzagenda buboneka;
vii. Kwemeza aho Radio y’abaturage ya Huye izimukira;
viii. Kwemeza ‘’Expropriations’’zasabwe;
ix. Kwemeza imyanzuro yavuye mu rugendoshuri rw’abajyanama b’Akarere rwakorewe mu Karere ka Rubavu imaze kuyunguranaho ibitekerezo.

Ibyemezo

1. Inama Njyanama yakiriye indahiro y’abajyanama bashya aribo Bwana BUTERA Denys, umujyanama rusange w’Umurenge wa Kigoma na Madamu KAYITESI Noëlla, umujyanama uhagarariye urubyiruko mu Nama Njyanama y’Akarere ka Huye.

2. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 20 Kamena 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

3. Ku bijyanye n'ikibazo cya DUSINGIZUMUREMYI Alfred, Inama Njyanama yasanze Komite Nyobozi yarabonye site ebyiri zihererereye mu Murenge wa Kigoma mu Kagari ka Kabuga na Nyabisindu ziriho ubutaka bw'Akarere, bityo isaba ko imuhamagara akihitiramo ahangana n'ubutaka bwe bwubatsweho umudugudugu. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama yemeje amafaranga azakwa mu bigo by'amashuri yisumbuye ya Leta yo mu Karere ka Huye imaze kuyaganiraho no kuyunguranaho ibitekerezo nk'uko agaragara ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yasabye Komisiyo ya Njyanama y'imibereho myiza y'abaturage gukurikirana uko igikorwa cyo kugaburira abanyeshuri mu bigo by'amashuri ya 9&12 YBE kirimo gutunganywa. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yasabye Komisiyo ya Njyanama y'imibereho myiza y'abaturage gukurikira uko ibikoresho bitangwa mu bigo by'amashuri cyane cyane ibikoresho bya ICT byitabwaho kuko biba byatanzweho amafaranga menshi no gukurikirana ibijyanye n'isuku mu bigo by'amashuri. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama imaze gusuzuma raporo ya Komite Ngenzuzi y'igihembwe cya kane 2013-2014, yemeje ko inama zatanzwe zishyirwa mubikorwa zaba izirebana na raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere n'iz'umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta; inasaba Komite ngenzuzi y'Akarere gukomeza gukurikirana ko inama zatanzwe zishyirwa mubikorwa. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

8. Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari(Nyakanga-Nzeri 2014-2015) yagejejweho n'Umunyamabanga

Nshingwabikorwa w'Akarere, yayiganiriyeho irayemeza, maze isaba ko mu rwego rwo kwihutisha akazi kugirango imihigo igerweho, imirimo y'itangwa ry'amasoko yakwihutishwa. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama yemeje abagomba kuzuza inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere aribo:

N^{O}	AMAZINA	URWEGO AHAGARARIYE
1	Abbé **NKUNDIMANA Anastase** (Umuyobozi wa Economat Général/Butare)	Ahagarariye imiryango idaharanira inyungu.
2	**HARINDINTWALI Alexis**(Titulaire wa Centre de Santé ya Rango)	Umuyobozi w'ikigo nderabuzima uhagarariye abandi.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Inama Njyanama yemeje ''organisational Structure'' nshya ijyanye na ''Reform'' y'abakozi b'Akarere, isaba ko yatangira gukurikizwa hakurikijwe uko ubushobozi bw'Akarere buzagenda buboneka. Yemeje kandi ko urwego rwa DASSO rwatangira gukorera ku karere no mu mirenge igize Akarere ka Huye. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama yemeje ko Radio y'abaturage ya Huye itizwa inzu y'ahahoze ari ''Region sanitaire''ikaba ariho yimukira, abahakoreraga bagashakirwa ahandi bakorera mu karere, ariko Akarere kakazagirana amasezerano yo kujya bacisha kuri iyo radio ibikorwa by'Akarere bishobotse nta mafaranga baciye Akarere. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama yemeje ''Expropriations'' zasabwe ku buryo bukurikira:

N^{O}	IGIKORWA	UMURENGE IGIKORWA KIZAKORERWAMO	UMUBARE W'ABATURAGE	AMAFARANGA YABAZWE

1	Expropriation ku ikorwa ry'imihanda ya Feeder road	Kigoma, Rwaniro na Ruhashya	12	34129173
2	Expropriation y'ahazubakwa amazu y'abarokotse genocide muri site y'umudugudu w'Umuyange	Karama/Gahororo/ Umuyange	29	2,292,924
3	Expropriation y'ahazubakwa amazu y'icyitegererezo ku bufatanye na RHA mu Mudugudu w'Agasharu	Ruhashya/ Muhororo	3	1,246,997
4	Expropriation yahubatswe ikigega cy'amazi mu isambu ya MUTWAKAZI Pascasie	Maraba/Shanga	-	260,666
5	Expropriation y'ahubatswe Akagali ka Muhembe mu isambu ya MUKAKAREMA Marie	Karama/Muhembe	-	280608
6	Expropriation y'ahaciwe imihanda mu masambu y'abaturage muri VUP	Mukura/ Rango A/AGAKERA-MPAZA-NYAMATA	198	8,122,374
	Expropriation y'ahaciwe imihanda mu masambu y'abaturage muri site ya Gitwa	Tumba	69	8,850,725

7	Expropriation y'igice cy'abaturage cyubatswemo Centre de Santé ya Rwaniro	Rwaniro/Gatwaro	2	1,502,844
8	Expropriation y'ahazacukurwa laterite mu Murenge wa Mukura	Mukura/Bukomeye	2	2,328,806
9	Expropriation y'imitungo y' abaturage iri ahaciwe umuyoboro w' amazi mu Mirenge ya Kigoma na Maraba	Kigoma/Shanga&Karambi	3	82039
	TOTAL			59,357,822

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

13. Inama Njyanama yemeje imyanzuro yavuye mu rugendoshuri rw'abajyanama b'Akarere rwakorewe mu Karere ka Rubavu kuwa 13-15/09/2014 ikurikira:

- Abajyanama biyemeje gukora ku buryo Umujyi wa Huye waba the''greenest city'' mu Rwanda, hagashyirwaho ingamba zihamye zo kurengera ibidukikije, guteza imbere siporo n'umuco, environnement no kugira ahantu abantu bahurira.
- Abajyanama biyemeje gukomeza kugira inama abaturage batuye mu Rwabuye kugirango bave muri ''high risk zone''batuyemo
- Abajyanama biyemeje kuzajya basurira hamwe ibikorwa bikorerwa mu Karere rimwe mu gihembwe.
- Abajyanama biyemeje gukoresha ''whats App'' yiyongera ku itumanaho basanganywe kugirango barusheho kumenya ibiri gukorerwa mu mirenge itandukanye y'Akarere mu gihe gito.
- Buri mujyanama azajya ahabwa iminota itatu(3) mu nama y'Inama Njyanama yo kuvuga ibikorerwa mu Murenge ahagarariye.
- Ku byerekeranye no gusonera abarimo Akarere amafaranga y'imisoro n'amahoro amaze igihe kirekire atishyurwa, Inama Njyanama yasabye

Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu kubyigaho ikareba ikibazo cya buri muntu, nyuma ikazatanga inama y'icyakorwa.

- Abajyanama biyemeje gukorana inama n'abikorera kugirango hareberwe hamwe ingamba zatuma Akarere kinjiza amafaranga menshi y'imisoro n'amahoro.
- Abajyanama biyemeje gukomeza gushyira ingufu mu ikawa ya Maraba no gushaka uko hakorwa publicité y'iyo kawa.
- Abajyanama biyemeje gushishikariza aborozi kugana amakaragiro y'amata no gusaba amakaragiro gutanga serivisi nziza kubayagana.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

14. Inama Njyanama yemeje ko itariki y'inama itaha ari kuwa 19/12/2014.

Bikorewe kuwa 19 Nzeri 2014

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Akarere ka Huye

Rev Dr Viateur NDIKUMANA
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye